REPUBLIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GASHYANTARE 2022

10 Werurwe 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5,8% mu kwezi kwa Gashyantare 2022 ugereranyije na Gashyantare 2021.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2022) ryari ku kigereranyo kingana na 4,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 5,8% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,9%, iby'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 4,8%, iby'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,5%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2022 na Gashyantare 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 5,3%.

Wagereranya ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2022) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022), ibiciro byiyongereyeho 1,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Gashyantare 2022, ibiciro mu byaro byazamutseho 3,1% ugereranyije na Gashyantare 2021. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2022) ryari ku kigereranyo kingana na -0,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 3,1% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 4,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 16,3%.

Ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2022) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022) ibiciro byiyongereyeho 4,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa

bidasembuye byiyongereyeho 5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 9,4%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gashyantare 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,2% ugereranyije na Gashyantare 2021. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2022) ryari ku kigereranyo kingana na 1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,2% mu kwezi kwa Gashyantare 2022 ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,9% n'ibiciro by'ibikoresho byo mu nzu, isuku no gusana byiyongereyeho 12.3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2022) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2022) ibiciro byiyongereyeho 3,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,6%, n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 6,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2021 kugeza muri Gashyantare 2022.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2021 kugeza muri Gashyantare 2022**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2021 | | | | | | | | | | | 2022 | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 1,6 | 2,0 | 2,4 | -0,1 | -0,2 | -0,4 | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 2,7 | 1,5 | 3,0 | 0,7 | 0,3 | -1,7 | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 2,2 | 1,7 | 2,7 | 0,4 | 0,1 | -1,1 | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,4 | 1,4 | 0,2 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,5 | 1,4 | -1,6 | -2,5 | 0,2 | -0,4 | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,5 | 1,4 | -0,9 | -1,6 | 0,0 | -0,3 | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw